



ITANGAZO RY'INGIRA KAMARO KU MPUNZI ZOSE NDETSE N'ABASABA UBUNGIRO BABA MU MIJYI KU BIJYANYE NA CORONAVIRUSI (COVID-19)

(Ritanzwe ku itariki ya **9 Kamena 2020**)

Leta ya Kenya yagabanyije **ingamba zari zarafashwe mu kugabanya ingendo**, ariko hari **amabwiriza akiri ho kandi agomba gushyirwa mu buryo** mu kugabanya ikwirakwizwa rya coronavirusi (COVID-19), by'umwihariko :

- **Umukwabu mu gihugu cyose kuva saa tatu za nijoro kugera saa kumi za mugurindo.** Umukwabu urakomeje kugeza tariki ya **6 Nyakanga 2020**.
- Nta ngendo zemewe zinjira cyangwa zisohoka mu mugi wa **Nairobi hamwe n'inkengero zawo, kimwe na Mombasa hamwe n'intara ya Manderu.** Iri tegeko riri mu bikorwa kugeza tariki ya **6 Nyakanga 2020**.
- Hakomeje **kudakorwa ingendo** zinjira cyangwa zisohoka munkambi z'impunzi za **Kakuma hamwe na Dadaab.**
- **Imipaka ihuza Ethiopia, Somalia, South Sudan, Tanzania na Uganda ikomeje gufungwa ku bantu bakora ingendo.**
- **Ihagarikwa ry'ingendo mu gace k' Eastleigh muri Nairobi no mu gace ka Old Town i Mombasa, hamwe no mu ntara za Kwale na Kilifi, zakuweho..**

Umubare w'abarwayi ba COVID-19 uri kwiyongera, kuri iyo mpamvu ni ingirakamaro gukurikirana amakuru no **kubahiriza amabwiriza n'amategeko muhabwa na Leta ya Kenya** mu kugabanya ikwirakwizwa.

Muri make, ibi birasobanura:

- Gukaraba **intoki kenshi n'amazi n'isabune.**
- **Musabwe kugabanya ingendo bishoboka keretse ari ku mpamvu zihutirwa.** Mu gihe ari ngombwa kugenda, **ambara maske (agapfuka munwa) ahantu hose hari abantu benshi kandi witwaze icyangombwa cyawe burigihe.**
- **Musabwe kutitabira cyangwa ngo mukore amateraniro.** Mu gihe ari ngombwa gukora cyangwa kwitabira amateraniro, nko gushyingura, cyangwa ubukwe, musabwe kutarenza abantu **15.** Iri tegeko rigomba kubahirizwa kugeza tariki ya **6 Nyakanga 2020.**
- Mu gihe Leta ikoze igikorwa cyo **gupima** abantu mu duce dutandukanye **mu kugabanya ikwirakwizwa rya COVID-19 hanyuma ukaba uri muri ako gace, usabwe kwemerera no kumvikana n'abakozi ba Ministeri y'Ubuzima.**

Izi ngamba ziriho kugirango **zikurinde** kandi **kuzubahiriza ni ku nyungu zawe**. Twongere ho ko, zifasha mu kugabanya ikwirakwizwa rya COVID-19. Ariko usabwe kumenya ko hari ibihano bizafatwa mu gihe udakurikije aya mabwiriza, hakaba harimo :

- **Nuramuka utambaye maske (agapfuka munwa) mu bantu benshi, ushobora gucibwa amafanga agera ku Bihumbi 20,000 KES** kandi ushobora **gufungwa um gihe cy'amezi 6** cyangwa byombi.
- **Nuramuka witabiriyemo amateraniro arimo abantu barenze 15 cyangwa ukagenda mu masaha y'umukwabu cyangwa ukagerageza gukora ingendo zinjira cyangwa zisohoka mu nkambi z'impunzi za Kakuma cyangwa Dadaab, ushobora gufatwa;** cyangwa se ukajyanwa mu **kato n'abakozi ba Leta ahantu habugenewe mu gihe cy'iminsi 14 kandi ukibeshaho ku bwawe.**

Ibi bihe ni ibihe bitoroheye umuntu n'umwe. Mu gihe ukeneye ubufasha, usabwe kumenya numero zikurikira ni **numero z'ubufasha bwihutirwa:**

Ibijyanye no kwiandikisha/ ibyangombwa byihutirwa: Ibiro bya Leta bishinzwe ubwanditsi bw'impunzi Shauri Moyo: 0772057770	Nomero itishyurwa ya UNHCR: 0800720063
Ubufasha bwihutirwa mu gihe cy'uburwayi: NCCK 0704873342 / 0723281352/ 0723281362	Ibibazo bijyanye na NHIF (National Hospital Insurance Fund): 0740049502
Ku bufasha mu bijyanye n'amategeko (uramutse wafashwe na police): Kituo cha Sheria 0720806531	Ku bibazo bijyanye n'imibereho : Danish Refugee Council 0800720181
Kuganirizwa ku wahungabanye : 1190/ 1199/ 0721 336017	Ibijyanye n'ubufasha bw'abana : 116
Ku wakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina : 1195/ 0800720501	

COVID 19 ikwirakwizwa iyo umuntu uyirwaye agutaye ho amacandwe mu gukorora cyangwa kwitsamura; cyangwa se ukose ahantu cyangwa ibikoresho byakozwe ho n'uyirwaye . Uramutse **ugize ibimenyetso bya COVID-19** nko kugira umuriro, gukorora, ibibazo mu buhumekero , **usabwe guhamagara cyangwa kubimenyesha Ministeri y'Ubuzima kuri iyi numero** 0800721316 (numero itishyurwa); 0732353535; cyangwa uhamagara 0748592558 ku yandi mabwiriza.